Igabanyirizwa ku mafaranga atangwa mu mashuri y’incuke na SFO(Aho abana bajya nyuma y’amasaha y'ishuri)

Amafaranga atangwa mu mashuri y’incuke hamwe na SFO ntagomba kurenga 6 kw’ijana yayo umuntu ufite inshingano zo gutanga umusoro – hamwe n'amafaranga abona kuri buri mwana. Iyo igiciro kiri hejuru ya 6 kw'ijana yayo winjiza, muri icyo gihe wasaba kugabanyirizwa ku mafaranga umubyeyi atanga.**Ibi bivuze ko umuryango winjiza amafaranga make, ushobora gutanga amafaranga make cyane mu mashuri y’incuke hamwe na SFO.**

Iyo tuvuze tuti umuntu mu muryango ufite inshingano zo gutanga umusoro- n’andi mafaranga yinjiza ku ruhande, tuba dushatse kuvuga abashakanye, abanditse ko babana bakaba batuye kuri aderesi umwana yandikishijweho mu kigo gishijwe kwandika abantu.

Iyo umwana aba ahantu habiri hatandukanye, muri icyo gihe amafaranga azatangwa hashingiye ku mafaranga umubyeyi ufite aderesi y’umwana yanditseho mukigo gishinzwe kwandika abantu.

Komine ya Bergen ifite imishahara igarukirizaho hamwe n’ubundi buryo ishingiraho butandukanye kugira ngo igabanyirize umuntu ayo yishura.

Ayo wishyura tuyashingira ku giciro gihanitse gitangwa mu mashuri y’incuke na SFO, amafaranga umuryango winjiza hamwe n’imyaka y’umwana. Komine ya Bergen ifite uburyo butandukanye bwo kugabanyiriza amafaranga atangwa. Ushobora gusoma birambuye ku bijyanye n’amafaranga batarenza hamwe n’ubundi buryo butandukanye bwatuma amafaranga utanga mu mashuri y’incuke na SFO ahinduka(byanditse mukinoshiki gusa): www.bergen.kommune.no/redusert-foreldrebetaling

Ugabanyirizwa igiciro iyo ufite abana benshi bajya mu ishuri ry’incuke/SFO, hatitawe kuyo umuryango winjiza.

Ugomba gusaba ko bakugabanyiriza ku mafaranga atangwa.

Ifishi yo gusaba uyisanga hano:

www.bergen.kommune.no/redusert-foreldrebetaling

Ubusabe bukorwa mu buryo bw’ikoranabuhanga kandi ugomba kuba ufite Bank ID,Min ID cyangwa n’ibindi nkibyo

Uramutse ufite abana benshi, ugomba gutanga ubusabe kuri buri mwana. Imibare yo kumenya amafaranga uzatanga irikora ubwayo ishingiye kubyanditse mu busabe bwawe.

Kugira ngo dukore imibare tumenye amafaranga uzatanga ku mashuri y'incuke na SFO yewe tunasuzume ubusabe bwawe, ni ngobwa ko womekaho ku mugereka impampuro zigaragaza amafaranga winjiza kandi ko wanayatanzeho umusoro

•Amakuru yerekana umusoro watanze ubushize uhembwa

• Amafaranga winjiza aramutse yarabayemo impinduka nini, ubwo kumugeraka wakomekaho impampuro 3 zanyuma wahembeweho

• Umwanzuro ugaragaza ko uzabona ubufasha kuva mu gasanduka k'inguzanyo k'abanyeshuri hamwe n'icyangombwa cy'umunyeshuri

• Umwanzuro wa NAV

• Niba ugitegereje igisubizo kuva kuri NAV, nabwo ugomba kohereza kumugeraka impapuro zibigaragaza.

Niba ukiri mushya muri Norway ukaba udafite impampuro z'umusoro, muri icyo gihe biba ngombwa ko ugaragaza ibyangombwa bikwemerera kuba muri Norway.

Niryari ubusabe bwakorwa

Ubusabe bwo kugabanyirizwa ku mafaranga ababyeyi batanga, buhabwa agaciro nyuma y'ukwezi kumwe nyuma yuko ubusabe bwakiriwe. Tukoherereza Umwanzuro wafashwe iyo ubusabe bwawe bwemewe.

Niba udafite inomero ikuranga cyangwa udashoboye gutanga ubusabe muburyo bw'ikoranabuhanga

Ikigo gishinzwe gutanga serivisi ku baturage cyagufasha mu gutanga ubusabe,

Telefoni ni 55 56 55 56. Kibarizwa kuri aderesi; Kaigaten 4.

Witwaze icyangombwa kemewe hamwe n' impapuro z'ubusabe mu gihe uzaba uje.

IKITONDERWA! **Ibuka gutanga ubusabe kuri buri shuri ry'incuke-/SFO buri mwaka.**

Umwanzuro ufatwa ku kugabanya amafaranga atangwa n'ababyeyi umara umwaka umwe, mbere y'uko umuntu yongera gutanga ubusabe. Ugomba kohereza ubusabe bushya nibura mu kwa karindwi kugira ngo ugabanyirizwe ku mafaranga azatangwa mu kwa munani.